SE02411

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 24 JAN. 1986

N° 0296 /15.08.01

Bwana Burugumestri wa Komini
NYARUGENGE
KIGALI

Impamvu: Irushanwa rya Demokarasi NYARUGENGE

Bwana Burugumestri,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 067/04.09.01/10 yo kuwa 16 Mutarama 1986, nkwemereye igikombe kizajya gikinirwa n'imijyira itanu y'amaguru. Ukazaza kubifata ku Biro Bikuru by'Imikino n'Imyidagaduro witwaje iyi baruwa.

Ikibuga cyo kuli Sitade y'i NYAMIRAMBO ntigishobora kuboneka kubera imilimo igikorerwaho.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustini
Lt Col BEM.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Prefe wa Prefegitura
KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative
KIGALI

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
COMMUNE URBAINE DE
NYARUGENGE.

Nyarugenge, kuwa 16. JAN. 1986.
N° 067../04.09.01/10

A traiter par: DGGC
Date entrée: 17/01/86
N° Classement: 8493/15/88
17/1/86

Bwana Ministri w'Urubyiruko no gutsura za
Koperative
KIGALI

Bwana Ministri,

Nkulikije icyifuzo cyacu twali twagejeje ku ntumwa ya Ministeri muyobora yaje kwifatanya natwe mu mukino urangiza irushanwa lya Segiteri kuya 30/11/1985;

Komini y'Umujyi ya Nyarugenge yateguye irushanwa ly'umupira w'amaguru ly'itiliwe Demokarasi (Tournoi de la Démocratie) likazajya liba buli mwaka.

Muli uyu mwaka ilyo rushanwa lizahuza Segiteri 11 zo muli Nyarugenge lizatangira kuya 11/1/86 umukino wa nyuma uzabe kuya 28/1/86 k'umunsi wa Demokarasi.

Twihatiye gutegura ilyo rushanwa ku bulyo ubu Segiteri eshanu zimaze kubona imyambaro yo gukinana aliko kugira ngo ilyo rushanwa lizarusheho kugenda neza tulifuza ko mwadutera inkunga mukadutwerera igikombe (Segiteri zikajya zigikinira buli mwaka twizihiza uwo munsi) n'imipira yo kuzahemba abazaba bakinnye muli ilyo rushanwa ly'uyu mwaka.

Tuboneyeho no kubatira ikibuga cya Stade Régional taliki 28/1/1986 kugira ngo umukino urangiza (Finale) aliho uzabera.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu cyiza Bwana Ministri tubaye tubashimiye.

Accord coupe pake 5 ballon FB

BOURGMESTRI WA KOMINI
Y'UMUJYI YA NYARUGENGE
KARERA François.

REPUBLIQUE RWANDAISE · PREF. de Kigali · Commune Nyarugenge

Bimenyeshejwe :

- Bwana Prefe wa Prefegitura
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na
  Koperative
  KIGALI